

<p>ITEGEKO N°14/2017 RYO KU WA 14/04/2017 RISHYIRAHO IKIGO GISHINZWE ITERAMBERE RY'UBUHINZI N'UBWOROZI MU RWANDA (RAB) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO</p>	<p>LAW N°14/2017 OF 14/04/2017 ESTABLISHING RWANDA AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES DEVELOPMENT BOARD (RAB) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING</p>	<p>LOI N°14/2017 DU 14/04/2017 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE DEVELOPPEMENT DE L'AGRICULTURE ET DES RESSOURCES ANIMALES (RAB) ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT</p>
--	---	---

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></p> <p><u>Ingingo ya 2: Ubuzima gatozi n'ubwisanzure</u></p> <p><u>Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo</u></p> <p><u>Ingingo ya 4: Icyiciro RAB iherereyemo</u></p> <p><u>Ingingo ya 5: Icyicaro cya RAB</u></p> <p><u>UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RAB</u></p> <p><u>Ingingo ya 6: Inshingano za RAB</u></p> <p><u>UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RAB N'AMASEZERANO Y'IMIHIHO</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Law</u></p> <p><u>Article 2: Legal personality and autonomy</u></p> <p><u>Article 3: Definitions</u></p> <p><u>Article 4: Category of RAB</u></p> <p><u>Article 5: Head office of RAB</u></p> <p><u>CHAPTER II: MISSION OF RAB</u></p> <p><u>Article 6: Mission of RAB</u></p> <p><u>CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RAB AND PERFORMANCE CONTRACT</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u></p> <p><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></p> <p><u>Article 2: Personnalité juridique et autonomie</u></p> <p><u>Article 3: Définitions</u></p> <p><u>Article 4: Catégorie de RAB</u></p> <p><u>Article 5: Siège de RAB</u></p> <p><u>CHAPITRE II: MISSIONS DE RAB</u></p> <p><u>Article 6: Missions de RAB</u></p> <p><u>CHAPITRE III: AUTORITE DE TUTELLE DE RAB ET CONTRAT DE PERFORMANCE</u></p>
--	---	--

<u>Ingingo ya 7:</u> Urwego rureberera RAB	<u>Article 7:</u> Supervising authority of RAB	<u>Article 7:</u> Autorité de tutelle de RAB
<u>Ingingo ya 8 :</u> Amasezerano y'imihigo	<u>Article 8:</u> Performance contract	<u>Article 8:</u> Contrat de performance
<u>UMUTWE WA IV:</u> IMITERERE N'IMIKORERE BYA RAB	<u>CHAPTER IV:</u> ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RAB	<u>CHAPITRE IV:</u> ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RAB
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Imiterere ya RAB	<u>Section One:</u> Organisation of RAB	<u>Section première:</u> Organisation de RAB
<u>Ingingo ya 9:</u> Inzego z'ubuyobozi	<u>Article 9:</u> Management organs	<u>Article 9:</u> Organes de direction
<u>Akicro ka mbere:</u> Inama y'Ubuyobozi ya RAB	<u>Subsection One:</u> Board of Directors of RAB	<u>Sous-section première:</u> Conseil d'Administration de RAB
<u>Ingingo ya 10:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 10:</u> Composition of the Board of Directors	<u>Article 10:</u> Composition du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 11:</u> Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 11:</u> Powers of the Board of Directors	<u>Article 11:</u> Pouvoirs du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 12:</u> Responsibilities of the Board of Directors	<u>Article 12:</u> Attributions du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 13:</u> Duties of the Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 13:</u> Attributions du Président du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RAB	<u>Article 14:</u> Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors of RAB	<u>Article 14:</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration de RAB
<u>Ingingo ya 15:</u> Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RAB	<u>Article 15:</u> Incompatibilities with membership of the Board of Directors of RAB	<u>Article 15:</u> Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration de RAB

<u>Ingingo ya 16:</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ya RAB ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa	<u>Article 16:</u> Reasons for loss of membership in the Board of Directors of RAB and modalities for replacement	<u>Article 16:</u> Causes de perte de la qualité de membre au Conseil d'Administration de RAB et modalités de remplacement
<u>Ingingo ya 17:</u> Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RAB n'ifatwa ry'ibyemezo	<u>Article 17:</u> Convening and holding of meeting of the Board of Directors of RAB and modalities for decision-making	<u>Article 17:</u> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration de RAB et modalités de prise de décisions
<u>Ingingo ya 18:</u> Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi ya RAB	<u>Article 18:</u> Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors of RAB	<u>Article 18:</u> Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration de RAB
<u>Ingingo ya 19:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RAB n'inyandikomvugo yayo	<u>Article 19:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors of RAB	<u>Article 19:</u> Approbation des résolutions et procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration de RAB
<u>Ingingo ya 20:</u> Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RAB	<u>Article 20:</u> Rapporteur of the Board of Directors of RAB	<u>Article 20:</u> Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration de RAB
<u>Ingingo ya 21:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	<u>Article 21:</u> Personal interest in issues on the agenda	<u>Article 21:</u> Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour
<u>Ingingo ya 22:</u> Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye Inama	<u>Article 22:</u> Sitting allowances for members of the Board of Directors	<u>Article 22:</u> Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration
<u>Akiciro ka 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa	<u>Subsection 2:</u> Executive Organ	<u>Sous-section 2:</u> Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 23:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RAB	<u>Article 23:</u> Composition of the Executive Organ of RAB	<u>Article 23:</u> Composition de l'Organe Exécutif du RAB
<u>Ingingo ya 24:</u> Imikorere y'abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RAB	<u>Article 24:</u> Functioning of members of the Executive Organ of RAB	<u>Article 24:</u> Fonctionnement des membres de l'Organe Exécutif de RAB

<u>Ingingo ya 25:</u> Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 25:</u> Responsibilities of the Executive Organ	<u>Article 25:</u> Attributions de l'Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 26:</u> Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RAB	<u>Article 26:</u> Powers and duties of the Director General of RAB	<u>Article 26:</u> Pouvoirs et attributions du Directeur Général de RAB
<u>Ingingo ya 27:</u> Inshingano z'abandi bakozi b'Urwego Nshingwabikorwa rwa RAB	<u>Article 27:</u> Duties of other staff members of the Executive Organ RAB	<u>Article 27:</u> Attributions d'autres membres du personnel de l'Organe Exécutif de RAB
<u>Ingingo ya 28:</u> Sitati igenga abakozi ba RAB	<u>Article 28:</u> Statutes governing the staff of RAB	<u>Article 28:</u> Statut régissant le personnel de RAB
<u>Ingingo ya 29:</u> Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RAB	<u>Article 29:</u> Salaries and fringe benefits allocated to the members of the Executive Organ of RAB	<u>Article 29:</u> Salaires et avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif de RAB
<u>UMUTWE WA V:</u> UMUTUNGO N'IMARI BYA RAB	<u>CHAPTER V:</u> PROPERTY AND FINANCE OF RAB	<u>CHAPITRE V:</u> PATRIMOINE ET FINANCES DE RAB
<u>Ingingo ya 30:</u> Umutungo wa RAB n'inkomoko yawo	<u>Article 30:</u> Property of RAB and its sources	<u>Article 30:</u> Patrimoine de RAB et ses sources
<u>Ingingo ya 31:</u> Ingingo y'imari ya RAB	<u>Article 31:</u> Budget of RAB	<u>Article 31:</u> Budget de RAB
<u>Ingingo ya 32:</u> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo	<u>Article 32:</u> Use, management and audit of property	<u>Article 32:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine
<u>Ingingo ya 33:</u> Raporo y'umwaka w'ibaruramari	<u>Article 33:</u> Annual financial report	<u>Article 33:</u> Rapport annuel de l'exercice comptable
<u>UMUTWE WA VI:</u> INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	<u>CHAPTER VI:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VI:</u> DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES
<u>Ingingo ya 34:</u> Agaciro k'ibyakoze	<u>Article 34:</u> Validity of undertaken actions	<u>Article 34:</u> Validité des actes posés

Ingingo ya 35: Kwegurirwa abakozi

Article 35: Transfer of employees

Article 35: Transfert du personnel

Ingingo ya 36: Kwegurirwa umutungo, amasezerano n'imyenda

Article 36: Transfer of property, liabilities and contracts

Article 36: Transfert du patrimoine, du passif et des contrats

Ingingo ya 37: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 37: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 37: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 38: Ivanwaho ry'Itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 38: Repealing provision

Article 38: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 39: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 39: Commencement

Article 39: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°14/2017 RYO KU WA
14/04/2017 RISHYIRAHO IKIGO
GISHINZWE ITERAMBERE
RY'UBUHINZI N'UBWOROZI MU
RWANDA (RAB) RIKANAGENA
INSHINGANO, IMITERERE
N'IMIKORERE BYACYO**

**LAW N°14/2017 OF 14/04/2017
ESTABLISHING RWANDA
AGRICULTURE AND ANIMAL
RESOURCES DEVELOPMENT BOARD
(RAB) AND DETERMINING ITS
MISSION, ORGANISATION AND
FUNCTIONING**

**LOI N°14/2017 DU 14/04/2017
PORTANT CREATION DE L'OFFICE
RWANDAIS DE DEVELOPPEMENT DE
L'AGRICULTURE ET DES
RESSOURCES ANIMALES (RAB) ET
DETERMINANT SES MISSIONS, SON
ORGANISATION ET SON
FONCTIONNEMENT**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE
RITYA, KANDI DUTEGETSE KO
RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA
YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT
PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE
LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku
wa 22 Gashyantare 2017;

The Chamber of Deputies, in its session of
22 February 2017;

La Chambre des Députés, en sa séance du
22 février 2017;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika
y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu
2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 53,
iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91,
106, iya 112, iya 119, iya 120, iya 139, iya
165 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in
Articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112,
119, 120, 139, 165 and 176;

Vu la Constitution de la République du
Rwanda de 2003 révisée en 2015,
spécialement en ses articles 53, 64, 69, 70,
88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 139, 165 et
176;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2016/OL

Pursuant to Organic Law n° 001/2016/OL of

Vu la Loi Organique n° 001/2016/OL of

Official Gazette n°18 bis of 01/05/2017

ryo ku wa 20/04/2016 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta;

20/04/2016 establishing general provisions governing public institutions;

20/04/2016 portant dispositions générales régissant les établissements publics;

Isubiye ku Itegeko n° 38/2010 ryo ku wa 25/11/2010 rishyiraho Ikigo gishinzwe Iterambere ry'Ubuhanzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

Having reviewed Law n° 38/2010 of 25/11/2010 establishing Rwanda Agriculture Board (RAB) and determining its responsibilities, organisation and functioning;

Revu la Loi n° 38/2010 du 25/11/2010 portant création de l'Office Rwandais de Développement Agricole (RAB) et déterminant ses attributions, organisation et fonctionnement;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rishyiraho Ikigo gishinzwe Iterambere ry'Ubuhanzi n'Ubworozi mu Rwanda, cyitwa "RAB" mu magambo ahinnye y'icyongereza. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

This Law establishes Rwanda Agriculture and Animal Resources Development Board, abbreviated as RAB. It also determines its mission, organisation and functioning.

La présente loi porte création de l'Office Rwandais de Développement de l'Agriculture et des Ressources Animales, RAB en sigle anglais. Elle détermine également ses missions, son organisation et son fonctionnement.

**Ingingo ya 2: Ubuzima gatozi
n'ubwisanzure**

Article 2: Legal personality and autonomy

**Article 2: Personnalité juridique et
autonomie**

RAB ifite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere no mu micungire y'umutungo n'abakozi byayo, icungwa kandi hakurikijwe amategeko abigenga.

RAB has legal personality and enjoys administrative and financial autonomy and is managed in accordance with relevant laws.

RAB est doté d'une personnalité juridique et jouit d'une autonomie administrative et financière et est également géré conformément aux lois en la matière.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

- 1° **itungo:** inyamaswa yororewe ku butaka, mu mazi, mu ishyamba cyangwa ifungiwe ahantu iyo isanzwe ari inyagasozzi;
- 2° **Ishami:** sitasiyo ya RAB ikoreramo imirimo y'ubushakashatsi, iyamamazabuhinzi cyangwa iyamamazabworozi mu buryo bwegereye abahinzi n'aborozi, ikaba ifite ububasha bwo gucunga abakozi, imari n'umutungo biyibarizwamo;
- 3° **iyamamazabuhinzi:** uburyo bwo kugeza ku bahinzi ibikorwa bigamije kubongerera ubumenyi n'ubumenyingingiro kugira ngo bongere umusaruro w'ubuhinzi n'ibiwukomokaho;
- 4° **iyamamazabworozi:** uburyo bwo kugeza ku borozi ibikorwa bigamije kubongerera ubumenyi n'ubumenyingingiro kugira ngo bongere umusaruro w'ubworozi n'ibiwukomokaho;
- 5° **ubuhinzi:** imirimo yose ikorerwa ku

Article 3: Definitions

For the purposes of this Law, the following terms are defined as follows:

- 1° **animal breed:** animal species that is bred on the ground, in the waters, in the forest or which is kept in a given area when it is a wild animal;
- 2° **Branch:** a station of RAB enabling it to carry out research, agricultural or animal resources extension at the level of farmers and which has the powers to manage both the staff and the property located in that zone;
- 3° **agricultural extension:** a way of providing services to farmers in the context of strengthening their knowledge and know how in order to increase agricultural productivity and their derived;
- 4° **animal resources extension:** a way of providing services to farmers in the context of strengthening their knowledge and know how in order to increase animal productivity and their derived;
- 5° **agriculture:** all activities carried out on

Article 3: Définitions

Au sens de la présente loi, les termes suivants sont définis comme suit:

- 1° **race animale:** espèce animale élevée sur un terrain, dans l'eau, dans la forêt ou qui est enfermée dans un lieu donné s'il s'agit d'un animal sauvage;
- 2° **Branche:** une station de RAB permettant à celui-ci d'effectuer des travaux de recherche ainsi que de la vulgarisation agricole ou de ressources animales au niveau des agri-éleveurs et qui est dotée des pouvoirs de gérer le personnel et le patrimoine se trouvant dans cette zone;
- 3° **vulgarisation agricole:** services destinés aux agriculteurs dans le cadre de renforcer leurs connaissances et savoir-faire en vue d'augmenter la production agricole et des produits dérivés;
- 4° **vulgarisation des ressources animales:** services destinés aux éleveurs dans le cadre de renforcer leurs connaissances et leur savoir-faire en vue d'augmenter la production animale et des produits dérivés;
- 5° **agriculture:** toutes les activités

butaka yerekeranye n'ibihingwa n'amashyamba no guhumbika ingemwe z'ibimera;

6° **ubushakashatsi:** imirimo ya gihanga igamije kwiga no kumenya mu buryo bucukumbuye, hagamijwe kuvumbura ibishya, kongerera agaciro ibiriho, kubonera ibishubizo ibibazo bihari cyangwa gukumira ibishobora kuzaza mu buhinzi n'ubworozi;

7° **ubworozi:** imirimo yose igamije kongera umusaruro w'itungo iryo ari ryo ryose kubera akamaro rishakwaho cyangwa kurisigasira.

Ingingo ya 4: Icyiciro RAB iherereyemo

RAB iri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi.

Ingingo ya 5: Icyicaro cya RAB

Icyicaro cya RAB kiri mu mujyi wa Kigali, Umurwa mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

land relating to any plants and forests as well as the germination of seedlings;

6° **research:** scientific activities intended to systematically study and understand a subject for the purposes of innovations, add value to the existing elements, get solutions to existing problems or to prevent any eventual problem that may occur in agriculture and animal resources;

7° **animal resources:** all activities intended to increase productivity of any animal breed for utility or conservation purposes.

Article 4: Category of RAB

RAB falls within the category of non-commercial public institutions.

Article 5: Head office of RAB

The head office of RAB is located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be relocated elsewhere on the Rwandan territory when considered necessary.

fongières relatives à toutes les cultures et forêts ainsi qu'à la germination des plantes;

6° **recherche:** activités scientifiques destinées à étudier et à comprendre systématiquement un sujet aux fins de des innovations, de valoriser les éléments existants, de résoudre les problèmes qui existent ou de prévenir tout problème éventuel qui peut survenir en agriculture et ressources animales;

7° **ressources animales:** toutes les activités destinées à accroître la production de toute race animale pour des raisons de son utilité ou de sa conservation.

Article 4: Catégorie de RAB

RAB rentre dans la catégorie des établissements publics à caractère non-commercial.

Article 5: Siège de RAB

Le siège de RAB est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de besoin, être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda.

RAB igira amashami ahandi hose mu Gihugu, bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RAB

Ingingo ya 6: Inshingano za RAB

RAB ifite inshingano rusange yo guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi ikora ubushakashatsi, iyamamazabuhinzi n'iyamamazabworozi hagamijwe kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi n'ibiwukomokaho.

By'umwihariko RAB ifite inshingano zikurikira:

- 1° kugira uruhare mu kugena politiki n'ingamba by'Igihugu mu bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi;
- 2° gushyira mu bikorwa politiki, amategeko n'ingamba by'Igihugu mu by'ubuhinzi n'ubworozi;
- 3° guhuza imirimo yo guteza imbere ibikorwa remezo mu buhinzi n'ubworozi;

RAB has branches elsewhere in the country when considered necessary in order to fulfil its mission upon approval by a Prime Minister's Order.

CHAPTER II: MISSION OF RAB

Article 6: Mission of RAB

RAB has the general mission of developing agriculture and animal resources through research, agricultural and animal resources extension in order to increase agricultural and animal productivity as well as their derived.

In particular, RAB has the following mission:

- 1° to contribute to the development of the national policy and strategies in agriculture and animal resources;
- 2° to implement the national policy, laws and strategies on agriculture and animal resources;
- 3° to coordinate activities aimed at promoting agriculture and animal resources infrastructure;

RAB a les branches en tout autre lieu du territoire national, en cas de besoin, pour accomplir ses missions sur approbation d'un arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE II: MISSIONS DE RAB

Article 6: Missions de RAB

RAB a la mission générale d'assurer le développement de l'agriculture et des ressources animales à travers la recherche et la vulgarisation agricole et de ressources animales en vue d'augmenter la production agricole et animale ainsi que leurs dérivés.

En particulier, RAB a les missions suivantes:

- 1° contribuer à la formulation de la politique et des stratégies nationales de l'agriculture et des ressources animales;
- 2° mettre en application la politique, les lois et les stratégies nationales de l'agriculture et des ressources animales;
- 3° coordonner les activités visant la promotion des infrastructures agricoles et de ressources animales;

Official Gazette n°18 bis of 01/05/2017

- | | | |
|---|---|---|
| 4° gushaka, guhuza, kugeza no gukwirakwiza amakuru, serivisi n'ibindi bikorwa by'iyamamazabuhinzi n'iyamamazabworozi ku bahinzi n'aborozi bibafasha kongera ubwinshi n'ubuziranenge by'umusaruro ukenewe ku isoko no mu nganda; | 4° to search, collect, provide and disseminate to farmers information, services and other agricultural and animal resources extension activities that increase the quantity and quality of productivity required on the market and by industries; | 4° rechercher, recueillir, rendre disponible et vulgariser auprès des agri-éleveurs les informations, les services et d'autres activités de vulgarisation de l'agriculture et des ressources animales en vue d'augmenter la quantité et la qualité de la production requise sur le marché et dans les industries; |
| 5° gushyiraho uburyo bugamije gufasha abahinzi n'aborozi gufata neza umusaruro no kuwongerera agaciro; | 5° to establish mechanisms to support farmers to preserve and add value to the productivity; | 5° établir des mécanismes permettant aux agri-éleveurs de mieux conserver leur production et d'y apporter une valeur ajoutée; |
| 6° gukora ubushashashatsi shingiro n'ubushakashatsi bugamije iterambere mu buhinzi n'ubworozi n'ibibukomokaho; | 6° to conduct fundamental and applied research that promotes agriculture and animal resources as well as their derived; | 6° mener une recherche fondamentale et appliquée visant le développement de l'agriculture et des ressources animales ainsi que de leurs dérivés; |
| 7° gukora ubushakashatsi ku miterere y'ibiti by'amashyamba n'ibivangwa n'imyaka no ku bwoko bw'ibiti buberanye na buri karere k'Igihugu; | 7° to conduct research on the nature of forestry and agroforestry plants as well as plant varieties that are suitable for each area of the country; | 7° mener des recherches sur la nature des plantes forestières et agroforestières ainsi que sur les variétés adaptées à chaque région du pays; |
| 8° gukora ubushakashatsi ku ndabo, imboga no ku biti by'imbuto ziribwa; | 8° to conduct research on horticulture; | 8° mener des recherches sur l'horticulture; |
| 9° gukora ubushakashatsi ku mihindagurikire y'ikirere, ingaruka zayo ku buhinzi, ubworozi n'amashyamba no gushyiraho ingamba zigamije guhangana na yo; | 9° to conduct research on climate change, its impact on agriculture, animal resources, forestry and put in place strategies aiming at fighting that impact; | 9° mener des recherches sur les changements climatiques et leur impact sur l'agriculture, les ressources animales et la foresterie et mettre en place les stratégies de lutte contre cet impact; |

Official Gazette n°18 bis of 01/05/2017

- | | | |
|---|---|---|
| 10° gukora ubushashatsi ku ndwara z'amatungo, gushyiraho no gushyira mu bikorwa ingamba zo kuzikumira no kuzirwanya; | 10 ° to conduct research on animal diseases, put in place and implement appropriate measures to prevent and control them; | 10 ° mener des recherches sur des maladies animales, mettre en place et exécuter des mesures appropriées en vue de leur prévention et lutte; |
| 11° gukora ubushakashatsi ku ndwara, udukoko n'ibyonnyi byangiza imyaka iri mu murima n'ihunitswe, gushyiraho no gushyira mu bikorwa ingamba zo kuzikumira no kuzirwanya; | 11 ° to conduct research on diseases and pests that attack field and stored crops, put in place and implement appropriate control measures to prevent and control them; | 11 ° mener des recherches sur les maladies et ravageurs qui détruisent les cultures dans le champ et dans les stocks, mettre en place et exécuter des mesures appropriées pour la prévention et la lutte; |
| 12° kwiga imiterere y'ubutaka no gukora ubushakashatsi ku bwoko bw'ifumbire n'ubw'imbutu bijyanye n'imiterere yabwo; | 12 ° to study soil characteristics and conduct research on appropriate fertilisers and seeds that are suitable for each type of soil; | 12 ° étudier les caractéristiques des sols et mener des recherches sur les fertilisants et les semences appropriés à utiliser pour chaque type de sol; |
| 13° gushyiraho no gucunga uburyo bwa gihanga bwo kubika no gusigasira amoko y'ibimera, ay'amatungo n'ay'ibindi binyabuzima bifitanye isano n'ubuhinzi n'ubworozi; | 13 ° to establish and manage a gene bank for storing and conserving plant and animal genetic resources as well as any other living organisms related to agriculture and animal resources; | 13 ° mettre en place et gérer une banque génétique pour la conservation et le stockage des variétés végétales et animales ainsi que de toute autre espèce d'organismes vivants liés à l'agriculture et aux ressources animales; |
| 14° guhuza, gukurikirana no kugenzura ibikorwa by'ubuhinzi, ubworozi n'ubushakashatsi byaba ibyakozwe na RAB cyangwa abandi babigize umwuga; | 14 ° to coordinate, monitor and supervise activities of agriculture, animal resources and related research carried out by RAB or other professional actors; | 14 ° coordonner, contrôler et superviser des activités de l'agriculture et de ressources animales ainsi que des recherches y relatives effectuées par RAB ou d'autres intervenants professionnels; |
| 15° gushaka imbutu z'indobanure zihagije | 15 ° to develop sufficient quality seeds and | 15 ° rechercher les semences |

Official Gazette n°18 bis of 01/05/2017

no kwita ku mirimo yo kuzitubura no kuzikwirakwiza;	ensure their multiplication and distribution;	sélectionnées suffisantes et en assurer les activités de multiplication et de distribution;
16° gushaka ubwoko bw'amatungo abereye buri karere k'ubworozi, gushyira mu bikorwa imirimo ijyanye no kuvugurura ubwo bwoko bw'amatungo no kwita ku mirire yayo;	16° to develop animal breeds that are suitable for each agro ecological zone and carry out activities meant for animal breeds' improvement and feeding;	16° rechercher les races animales adaptées à chaque région agro-écologique et effectuer des activités visant l'amélioration et l'alimentation de ces races animales;
17° gukumira, kugenzura, gusuzuma, no gukurikirana ingendo z'amatungo n'ibiyakomokaho bitanyuze mu nganda, hagamijwe kwirinda iyinjizwa n'ikwirakwizwa by'indwara z'amatungo;	17° to prevent, inspect, investigate and monitor the movement of animals and animal products that are not processed by industries in order to prevent the introduction and spread of animal diseases;	17° prévenir, inspecter, enquêter et contrôler les mouvements des animaux et de leur produits n'ayant pas subi une transformation industrielle en vue de prévenir l'introduction et la diffusion des maladies animales;
18° gusuzuma no gutanga ibyangombwa byemerera kwinjiza no gusohora mu gihugu amatungo n'ibiyakomokaho bitanyuze mu nganda;	18° to carry out inspection and authorize the movement within and out of the country of animals and animal products that are not processed by industries;	18° inspecter et autoriser les mouvements à l'intérieur ou à l'extérieur du pays des animaux et de leur produits n'ayant pas subi une transformation industrielle;
19° gukurikirana itegurwa, ibikwa, itangwa n'ikoreshwa ry'imiti y'amatungo n'iy'ibihingwa;	19° to monitor the preparation, conservation, distribution and use of veterinary and crop protection products;	19° contrôler la préparation, la conservation, la distribution et l'utilisation des produits vétérinaires et phytosanitaires;
20° gucusanya ku rwego rw'Igihugu no ku rwego mpuzamahanga ikoranabuhanga rigezweho kandi rikenewe no kurinoza kugira ngo rikoreshe mu buhinzi n'ubworozi;	20° to collect, at national and international level, new and required technologies and refine them for use in agriculture and animal resources;	20° collecter, à l'échelle nationale et internationale, les technologies nouvelles et nécessaires et les améliorer pour usage dans le domaine agricole et de ressources animales;

21° gushyiraho gahunda zishishikariza abahinzi n'aborozi gukorera mu makoperative no kububakira ubushobozi mu rwego rwa tekini mu bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi;

22° gushyiraho uburyo bugamije kugeza ku baguzi amakuru ku musaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi ugezwa ku isoko;

23° gutsura umubano n'ubufatanye n'Ibigo byo mu karere u Rwanda ruherereyemo, ndetse n'ibyo mu rwego mpuzamahanga bifite intego imwe na RAB.

21° to put in place programmes for sensitizing farmers to operate in cooperatives and build their technical capacity in agriculture and animal resources;

22° to establish a communication system to provide customers with information about agricultural and animal resources produce on the market;

23° to establish partnership with regional and international organizations whose mission is similar to the mission of RAB.

21° mettre en place les programmes visant la sensibilisation des agri-éleveurs à œuvrer au sein des coopératives ainsi que le renforcement de leurs capacités techniques en matière agricole et de ressources animales;

22° mettre en place un système de communication en vue de donner aux clients les informations relatives à la production agricole et de ressources animales sur le marché;

23° entretenir des relations de partenariat avec des organisations régionales et internationales ayant une mission semblable à celle de RAB.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RAB N'AMASEZERANO Y'IMIHIHO

Ingingo ya 7: Urwego rureberera RAB

Urwego rureberera RAB rugenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 8 : Amasezerano y'imihigo

RAB ikorera ku masezerano y'imihigo.

Uburyo RAB ihiga n'uburyo bwo gusuzuma

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RAB AND PERFORMANCE CONTRACT

Article 7: Supervising authority of RAB

A Prime Minister's Order determines the supervising authority of RAB.

Article 8: Performance contract

RAB operates on the basis of performance contract.

Modalities for the conclusion and evaluation of

CHAPITRE III: AUTORITE DE TUTELLE DE RAB ET CONTRAT DE PERFORMANCE

Article 7: Autorité de tutelle de RAB

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'autorité de tutelle de RAB.

Article 8: Contrat de performance

RAB fonctionne sur base d'un contrat de performance.

Les modalités de conclusion et d'évaluation

imikorere yayo bigenwa n'amategeko abigenga.

performance contract of RAB are determined by relevant laws.

de contrat de performance de RAB sont déterminées par les lois en la matière.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RAB

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RAB

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RAB

Icyiciro cya mbere: Imiterere ya RAB

Section One: Organisation of RAB

Section première: Organisation de RAB

Ingingo ya 9: Inzego z'ubuyobozi

Article 9: Management organs

Article 9: Organes de direction

Inzego z'ubuyobozi za RAB ni izi zikurikira:

Management organs of RAB are as follows:

Les organes de direction de RAB sont les suivants:

1° Inama y'Ubuyobozi;

1° the Board of Directors;

1° le Conseil d'Administration;

2° Urwego Nshingwabikorwa.

2° the Executive Organ.

2° l'Organe Exécutif.

Akiciro ka mbere: Inama y'Ubuyobozi ya RAB

Subsection One: Board of Directors of RAB

Sous-section première: Conseil d'Administration de RAB

Ingingo ya 10: Abagize Inama y'Ubuyobozi

Article 10: Composition of the Board of Directors

Article 10: Composition du Conseil d'Administration

Inama y'Ubuyobozi ya RAB igizwe n'abantu barindwi (7) bashyirwaho n'Iteka rya Perezida barimo Perezida na Visi-Perezida.

The Board of Directors of RAB is composed of seven (7) members appointed by a Presidential Order including the Chairperson and the Deputy Chairperson.

Le Conseil d'Administration de RAB est composé de sept (7) membres nommés par arrêté présidentiel dont le Président et le Vice-Président.

Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.

Members of the Board of Directors are selected on the basis of their competence and expertise.

Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba

At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors must be females.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration

kuba ari abagore.

Igihe abagize Inama y'Ubuyobozi bamara ku mirimo yabo n'uko basimburwa bigenwa n'Iteka rya Perezida.

Ingingo ya 11: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi ya RAB ni rwo rwego rukuru mu miyoborere no mu ifatwa ry'ibyemezo. Ifite ububasha bwo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi n'umutungo bya RAB kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo.

Ingingo ya 12: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi

Inshingano z'ingenzi z'Inama y'Ubuyobozi ya RAB ni izi zikurikira:

- 1° gukurikirana imikorere y'Urwego Nshingwabikorwa no gutanga umurongo ngenderwaho ugomba gukurikizwa mu kuzuza inshingano zarwo;
- 2° kwemeza gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire n'iteganyabikorwa hamwe na raporo ziyana na byo;
- 3° gusinyana amasezerano y'imihigo

The term of office of the members of the Board of Directors as well as their replacement are determined by a Presidential Order.

Article 11: Powers of the Board of Directors

The Board of Directors of RAB is the supreme management organ and decision-making organ. It has powers to make decisions regarding administration, human resources and property of RAB in order to fulfil its mission.

Article 12: Responsibilities of the Board of Directors

The main responsibilities of the Board of Directors of RAB are the following:

- 1° to oversee the functioning of the Executive Organ and provide strategic guidance to be followed in fulfilment of its mandate;
- 2° to approve long term strategic plan and action plan and related reports;
- 3° to conclude a performance contract

doivent être de sexe féminin.

La durée du mandat des membres du Conseil d'Administration ainsi que leur remplacement sont déterminés par arrêté présidentiel.

Article 11: Pouvoirs du Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration de RAB est l'organe suprême de direction et de décision. Le Conseil d'Administration a le pouvoir de décision en ce qui concerne l'administration, les ressources humaines et le patrimoine de RAB pour mieux s'acquitter de sa mission.

Article 12: Attributions du Conseil d'Administration

Les principales attributions du Conseil d'Administration de RAB sont les suivantes:

- 1° superviser le fonctionnement de l'Organe Exécutif et donner une orientation stratégique devant être suivie dans l'accomplissement de sa mission;
- 2° approuver le plan stratégique à long terme et le plan d'action ainsi que des rapports y relatifs;
- 3° conclure un contrat de performance

Official Gazette n°18 bis of 01/05/2017

n'urwego rureberera RAB;	with the supervising authority of RAB;	avec l'autorité de tutelle de RAB;
4° kwemeza amategeko ngengamikorere ya RAB;	4° to approve internal rules and regulations of RAB;	4° approuver le règlement d'ordre intérieur de RAB;
5° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya RAB no gukurikirana ikoreshwa n'ishyirwa mu bikorwa ryayo;	5° to approve the draft budget proposal of RAB and monitor its use and execution;	5° approuver l'avant-projet de budget de RAB et assurer le suivi de son utilisation et de son exécution;
6° kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo y'umwaka urangiye;	6° to approve the report on activities and use of property for the previous year;	6° approuver le rapport d'activités et d'utilisation du patrimoine de l'année précédente;
7° kwemeza umushinga w'imiterere y'inzego z'imirimo za RAB;	7° to approve the draft organisational structure of RAB;	7° approuver le projet de la structure organisationnelle de RAB;
8° kwemeza ibikorwa n'imishinga byakorwa n'impuguke za RAB biyizanira inyungu;	8° to approve income-generating activities and projects that may be carried out by RAB experts;	8° approuver les activités et les projets générateurs de revenu pouvant être menés par les experts de RAB;
9° kwemeza izamurwa mu ntera ry'abashakashatsi;	9° to approve career promotion of researchers;	9° approuver l'avancement en grade des chercheurs;
10° gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe n'iy'umwaka ku rwego rureberera RAB;	10° to submit quarterly and annual report to the supervising authority of RAB;	10° soumettre un rapport d'activités trimestriel et annuel à l'autorité de tutelle de RAB;
11° gufata icyemezo ku bibazo byose bikomeye biri mu nshingano za RAB.	11° to take decisions on all critical matters under the mission of RAB.	11° prendre les décisions sur tous les sujets cruciaux relevant de la mission de RAB.

Ingingo ya 13: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi

Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RAB afite inshingano zikurikira:

- 1° kuyobora Inama y'Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo;
- 2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi;
- 3° gushyikiriza inyandikomvugo z'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RAB urwego ruyireberera;
- 4° gushyira umukono ku masezerano y'imihigo hagati y'Inama y'Ubuyobozi n'Urwego rureberera RAB;
- 5° gushyikiriza raporo za RAB zemejwe n'Inama y'Ubuyobozi inzego zibigenewe;
- 6° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi;
- 7° gukora indi mirimo yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo.

Article 13: Duties of the Chairperson of the Board of Directors

The Chairperson of the Board of Directors of RAB has the following duties:

- 1° to chair the Board of Directors and coordinate its activities;
- 2° to convene and preside over meetings of the Board of Directors;
